



Echo

des mille collines

N° 7

SPECIAL

100 FRW

IMPANDA

BIMENSUEL INDEPENDANT

B.P. 2015 KIGALI-RWANDA

IBIRIMO ABANYARWANDA NTIDUSHOBORA KWEMERA GUTEGEKWA N'ABAGORORWA BYUMBA NA RUHENGERI — MRND NI NSA NSA PE!
ABANZI B'IGIHUGU BIJUNDIYE MAJOR KABERA KU GISENYI
KOMINI BICUMBI; ABATURAGE BARAMAGANA IKINYAMAKURU ISIBO

ISHINGANE, SHINGANA ABAWE, SHINGANA IBYAWWE, SHINGANA IBY'ABANDI WARYOZWA

AMASHAMI Y'UBWISHINGIZI MURI SONARWA



SONARWA SA

1. Ubwishingizi bw'abantu

- Ubwishingizi bw'ubuzima umuntu ku giti cye abantu benshi
- Ubwishingizi bw'impanuka umuntu ku giti cye abantu benshi amafaranga y'ishuri impanuka z'akazi impanuka z'imikino.

2. Ubwishingizi bw'umutungo

- imodoka (kwangirika, kwibwa, gushya)
- amazu: atuwemo, akorerwamo imirimo y'ibiro, acururizwamo, akorerwamo imirimo y'inganda
- imitwari (ibicuruzwa cyangwa ibintu umuntu yifitiye): ni itegeko ku bicuruzwa biva mu mahanga cyangwa ibijyaye.
- amafaranga ari mu bubiko cyangwa avuye mu bubiko.
- kwibwa

- imashini z'inganda zasatagurika
- igihombo gitewe n'inkongi y'umuriro cyangwa gusatagurika kw'imashini.
- amato
- indege
- ibyuma bikonjesha
- ubwubatsi bw'amazu n'iharurwa ry'imihanda
- ubworozi n'ubuhinzi.

3. Ubwishingizi bw'uburyozwe

- imodoka (ni itegeko)
- umuryango
- umuhigo
- ubwubatsi bw'amazu n'iharurwa ry'imihanda
- amashuri
- imyuga
- ubwikorezi
- amarushanwa
- amagaraji, amaduka acuruza imiti amahoteri, n'ibindi
- ibintu byatanze.

ISUNGE SONARWA YO NGABO Y'UMUTAMENWA

BARIZA: I KIGALI B.P. 1035
I BUTARE B.P. 527
I CYANGUGU B.P. 204

Tél.: 72054 -- 72101
Tél.: 30299
Tél.: 37297

I GISENYI B.P. 95
MU RUHENGERI B.P. 101

Tél.: 40028
Tél.: 46113

Abanyagitarama nidushyigikire MRND kuko izatugeza kuri byinshi, kuko intambwe twatye mu nziza y'amajyambere izarushaho kuba ndende, amajyambere akazarushaho kwiyongera, bityo imibereho yacu ikarushaho kuba myiza.

Hari abavuga ko imihanda, amashyamba n'amazi meza atari amajyambere. Abo nti turi kumwe. Iyo mihanda, ayo mashyamba, ayo mazi meza n'ibindi bikorwa nk'ibyo ni bikwire iwacu i Gitarama bigere na hano i Mukingi.

Inzara ikuze kugariza uturere tumwe na tumwe twa Gitarama. Mu kuyirwanya rero MRND ishyigikiye ko amasambu yacu mato twabyaza

umusaruro utubutse, hakwirakwijwe inyongera-musaruro zihagije nk'amafumbire, umuhinzi-mworozi wese akamenya kandi agashobora kuyakoresha. Hazajyeho rero Uruganda rukora ayo mafumbire.

Dushyigikiye kandi ko ibikorwa byo gufata neza ubutaka bwacu byakomeza. Abavuga ko imirwanyasuri ari uburetwa ni abashaka gusenyerera abanyarwanda, kimwe n'abatwika amashyamba.


Imana idufashe cjo ntibazatangire no kurya inka za rubanda nk'uko twumva babyigamba baririmba za Rukokoma zabo.

Mu rwego kuzamura icyaro dushyigikiye ko Imishinga itanga akazi mu cyaro yakomeza kwiyongera mu Gihugu cyose, bityo Urubyiruko rwacu rukabona imirimo idashingiye ku buhinzi gusa.

Porogaramu y'Ishyamba ryacu ni ndende tuzakomeza kugenda tuyibagezaho muri za Mitingi zizakomeza mu ma Segiteri.

Banyagitarama rero, umugambi ni umwe: ni uwo gushyigikira Ishyamba ryatwe, Ishyamba ritabanura. Ishyamba riyitirira akarere nka M.D.R. yiyitirira GITARAMA ukaba wakwibaza icyo abahandi bayikoramo.

MRND: MITINGI YAYO I BYUMBA YARAHEBUJE



Ku cyumweru tariki ya 15/12/1991, Perefejitura ya Byumba ni yo yari yakereye kwakira abayoboke b'ishyamba ry'amahoro, ry'ubumwe byo nkingi y'amajyambere. Iryo shyamba ni M.R.N.D.

Iyo mitingi yari iyobowe n'abagabo b'intarumikwa, abarwanashyamba Sitanisilasi SINIBAGIWE, Umuyobozi wa Reji y'Icapiro ry'Amashuri n'umurwanashyamba KAYINAMURA Phocas Umukozi mukuru muri OPROVIA ari nawe ushinze GRENDARWA, iyo mitingi yitabiriwe n'abarwanashyamba bagera ku bihumbi

40 ari na yo mpamvu abari bamaze iminsi bajya mu yandi maperefejitura yose muri mitingiri ya M.R.N.D. bemeza ko Perefejitura ya Byumba ari iya mbere.

Kuri sitade ya Byumba abarwanashyamba bari benshi cyane ku buryo imyanya yose yicarwamo yuzuye abandi bakurikiranye iyo mitingiri bahagaze mu kibuga, nacyo baracyuzuye pe. Muri make bari uruvunganzoka. Iyo mitingiri yanzwe n'amagambo meza yasobanuraga ibigwi bya M.R.N.D., twavugaga nk'amagambo yavuzwe n'Umuhuzabikorwa bya

M.R.N.D. muri Byumba ari we RUZINDANA Agusitini, ayavuzwe na Minisitiri GASANA Gemusi, ijamborirye Umurwanashyamba mukuru wa M.R.N.D. Umurwanashyamba Fduwaridi KARFMERA, n'abagize bavugaga ubutumwa bwa Perefejitura zabo, twavugaga nka Abudalahamani wajejeje ku barwanashyamba ba Byumba ubutumwa yari yatumwe n'abarwanashyamba b'i Gitarama, Depite RUCAGU Bonifasi watanze ubutumwa bw'abarwanashyamba ba Ruhengeri, n'abandi, n'abandi.

Iyo mitingiri yanzwe na Animasiyo itagira uko isa yari igizwe n'ITORERO rya BIKINDI, ababyinnyi ba Komini ya KANOMBE, aba KIYOMBE, Ballet ya Komini TUMBA n'abandi benshi kandi iyo animasiyo itagira uko isa yari iyobowe n'Umurwanashyamba Sitanisilasi SINIBAGIWE wacishagamo akanima mu rurimi rw'Igikiga. Hari aho yagiraga ati «Mwibale munonga» ubundi ati «Dusanyutse kubaraba». Ikindi tutakwibagirwa ni uko mitingiri ya M.R.N.D. i Byumba ni yo ya mbere yitabiriwe n'abategetsi benshi cyane:

- Madamu Imakulata, Visi-perezida wa CND.
- Hari Umunyamabanga Mukuru wa MRND Eduwaridi KAREMERA.
- Minisitiri MBANGURA Daniyeli.
- Minisitiri NTAGERURA Andereya.
- Minisitiri Faransa NZABAHIMANA.

- Minisitiri HIGANIRO Alufonsi.
- Minisitiri NGIRABATWARE
- Minisitiri RUHIGIRA Enoki.
- Minisitiri NYANDWI Karoli.
- Minisitiri Kazimiri BIZIMUNGU
- Minisitiri Gemusi GASANA na Muzehe KABUGA Felesiyani bari abasangwa.

Abandi bashyitsi b'imena bari bitabiriye iyo mitingi. HABIMANA Bonaventura tuzi ku izina rya Muvoma. Perefe wa Gisenyi n'uwa Ruhengeri. RUSIRARI Yakobo. Abudalahamani. Depite RUCAGU. Depite BASEBYA. Depite MUNYAMPUNDU. Depite KAYONDO Petero. Depite UWI-MANA. Depite MUGEMANA Yohani Mariya Viyane. Depite KINYONI. Depite Noheli MBONABARYI na Depite Simewoni NTEZIRYAYO.



amazina. Iyo mitingi yatangiye saa yine ihumuza saa kumi n'imwe. Yashojwe n'indirimo *Umugambi ni umwe Banyarwanda...* N'umudiho utajira uko usa w'abasore n'inkumi bitwa INTERAHAMWE b'i Kigali. Ku mpamba bari bipfunyikiye, bagiye kwiyakirira muri Village URUMULI.

Hari kandi n'abarwanashyaka: HATEGEKIMANA Yohani Damaseni (CSR). BICAMUMPAKA Bosiko (Redemi). Umurwanashyaka Burugumesitiri wa Komini Nyamahuye - GITARAMA. Runyinya BARABWILIZA. Umurwanashyaka MURENZI uyobora PETRORWANDA/ Umurwanashyaka UWILINGIYIMANA uyobora O.R.T.P.N.. Michel BAKUZAKUNDI uyobora SODEPARAL. NDALIHORANYE Yohani Batisita (wari Ségéral MINEPRISEC) n'abandi tudashoboye kurondora





MDR ryari riberutse gukorera mitingi i Byumba ryabonye abayoboke 350 gusa kandi muri bo, 150 bari babavanye i Kigali. Uwa PL we yatubwiye ko PL yo itazirushya iya gukora mitingi i BYumba ndetse no mu Ruhengeri, yivugiyeye ko yemeza ko nta muyoboke bahibonera: ntabwo twiriwe tumubaza impamvu kuko zumvikana.

Nk'uko nta bukwe buburamo abavumba, ibiroli birangiye twaje kuganira n'abantu 3 ba MDR, PSD na PL bari baje kuvumba iyo mitingi batwibwiriye ko bumwe kubera ubwinshi bw'abayoboke ba MRND biboneye aho kuri sitade ya BYUMBA. Uwa MDR yatubwiye ko ubwo ishyaka



Umunyarwanda wese uzi gushishoza yari akwiye kumva neza ko nta shyaka ryiza mu Rwanda nka MRND kuko ari ryo shyaka ryonyine rishyigikiye AMAHORO n'UBUMWE.

Thomas KABONABAKE.

COMITE DE REDACTION

Rédaction

KABONABAKE Thomas: Rédacteur en chef
MUHUTU Abel: Rédacteur en chef-adjoint

Trésorerie

RUSHOKE Albert

Marketing

NTAMAHEREZO J.M. Vianney
Paulin A.

Journalistes

LIKUNZE Georges



IJAMBO RYIBANZE

Kuba mwari mudaherutse ikinyamakuru cyacu, nibyatewe no kubura amakuru, ahubwo twarahombye kandi twahombejwe n'ubugome bw'abagabo 2 ariho: Yusitini MUGENZI wa P.L. na Faustin TWAGIRAMUNGU wo muri M.D.R. Buri gihe uko twasohoraga ikinyamakuru, twabihaga ba bana babicuruza mu mujyi, noneho bariya bagabo bombi bagegera ba bana, bakabasaba guhisha (kuterekana) ibinyamakuru byacu, uhageze wese bakamuhwira ko ibyacu byashize kandi bihari byose. Aho bana nibaviragamo aho kuko ayo twabaga twabemereye kuzafata bamaze kugurisha, bariya bagabo twavuze haruguru bayabahaga kashi.

Baraduhombeje ku buryo ubungubu dufite umurundo w'ibinyamakuru bitaguzwe bihwaye n'amafaranga ibihumbi magana inani (800.000 Frw). Ni ukuvuga kuva kuri n° 1 kugeza kuri n° 6. No kuba dushoboye gusohora iyi numero byaratugoye. Ariko kubera ko ibuye ryagaragaye riba ritakishye isuka, twashatse uhundi buryo bwo kugurisha ikinyamakuru. Uwaha afite uburyo azadusure, kuko bariya bagabo badindije ikinyamakuru cyacu.

Muri iri jambo ry'ibanze ntitwabura no kunenga zimwe mu nzego z'ubutegetsi buraho. Birababaje kubona abaturage bakoze muri Komini bafata icyemezo cyo kwikuriraho ba Burugumesitiri, kandi bakabakuraho nabi bitwaje ko bari muri M.D.R. Urugero ni nko muri Komini Nyakabanda hariya muri Gitarama, aho abayoboke ba M.D.R. hamenesheje Burugumesitiri amezi akaba agiye kuba 2 nta cyo ubutegetsi (MININTER na MINIJUST) buhivuzeho.

Abanyamashyamba nabo baguye kwirehera aho ingabo z'u Rwanda zishinze ibirindiro, aho zihanganye



n'umwanzu, ari nahwo ishyamba P.L. ryongeye gusubiramo ko rifatanijye n'Inkotanyi zidutera. Ibyo bikaba byarahaye isomo ahayobozu ba M.D.R. Tujye twibuka ko kuba P.L. igeze kuri iriya ntambwe ibikesha kuba yaratewe inkunga n'ishyamba M.D.R.; ibyo bikaba bikomeje gutangaza abanyarwanda hose bakunda u Rwanda. Biteye isoni kubona muri M.D.R. harabuzemo umuntu muzima wahwira bagenzi be ko ishyamba P.L. ari icyitso gikomeye cya FPR.

Guverinoma ya NSANZIMANA nayo ikomeje kubazwa byinshi. Nko gufata NKUNDABAGENZI Fifeli wabaye impunzi igihe kirekire, ndetse n'umuryango we ukaba ukiri mu buhungiro, ngo nabe Minisitiri w'Intangazamakuru kandi iyo Minisitiri ari imwe mu zo twita imitima y'igihugu? Ibyo kuba yaragaruye KATABARWA Andereya akamusubiza Minisitiri, byo ni agahomamunwa. Niba abanyabyumba harasabye abaminisitiri 2, KATABARWA siwe bashakaga. Ari nayo mpamvu abanyabyumba batangiyeye kwijundika Minisitiri w'Intebe NSANZIMANA, ndetse na Perezida wa Repubulika.

Ikindi gitangaje, ni uko ku banyamabanga bakuru 7 bashyizweho na NSANZIMANA, bane hose ni ib'wabo. Naho iby'uko Minisitiri

NSANZIMANA yibasiye abategetsi bavuka mu Ruhengeri na Gisenyi, kandi akaba yaragiye ahirika aho twari tuziho umurava mu kazi, tuzabibagezaho mu numero yacu y'ubutaha. Uretse ko tumaze kumenya ko yagiye abisabwa na bariya bategetsi b'wabo. Kimwe n'uko tuzabagezaho n'akazu ka Minisitiri w'Intebe, dore ko kiganjemo abatutsi, ari nabo hamugira inama. Dukwiye no kumenya ko Minisitiri w'Intebe yiyemeje guhirika abari ibyegera bya Perezida HABYARIMANA ku buryo agumyeho Perezida HABYARIMANA yazasigara atagifite n'uwu atuma igishirira. Twizere rero ko Perezida HABYARIMANA Yuvenerali yatangiye kubibona, bityo akajya areba uko abiyifatamo.

Turangirije ku butumwa bw'abaturage bi Byumba, aho bavuye ko bakeneye umuminisitiri wa 2 utari Andereya KATABARWA. Ntibamushaka rwose.

Abategetsi barengagiza ibibazo by'abayoboke ba M.R.N.D. bakumva iby'andi mashyamba. Dore nka mugenzi wacu HATEGEKIMANA alias MUKINGO, yarahohotewe ariko nta nkurikizi.

UBWANDITSI.

Biraboneka cyane ko hagize umutungo wa rubanda umuyoberaho, birumvikana ko yabanza akawihamo pole kandi nawe remorque n'icyana cyayo ntanyanze.

Imyaka ingana kuriya muri gereza si ubusa! yasanze abandi baramusize. Urumva ko yavashakisha ingufu ngo akunde abafate byanze bikunze. Ubwo rero birumvikana ko ari kufa na kupona ahaa!! Iyi nda ni ingome pe!

Aba P.S.D se bo nta Winnie MANDELA bataganyaye? Wabona nabo bavuze ngo ni umugore wa GATABAZI, kuko nawe yafunzwe. Bibaye byo byaba ari akateye pe.

Birababaje kubona umuntu nka GATABAZI yirirwa yizeza rubanda yagize icyitwazo ibyo atazarushoborera. Tekereza umuntu wari ushinze ibintu byo gutunga impunzi akabyirira afatanyije n'umugore we. Buriya se koko umutungo wa rubanda virirwa ariramba, niwo azarebera izuba? Buriya se atanye he n'umurwaza wanywaga imiti y'uwo arwaje. Byaratangaje cyane muri Mitingi ya P.S.D yakoreshereje i Butare aho yiyamatsaga avuga ngo ababawe n'uko i Kibuga cy'indege cyi Butare cyashyizwemo kabulimbo, ngo kandi cyarahaga akazi abanyabutare bakagitemamo ibyatsi. Ahaa, zino mpuhwe! ubwo se impuhwe atagiriye impunzi, azigiriye abatema ibyatsi i Butare? Cyakora ngo burya impyisi y'wanyu ikurya ikurandarunda da! N'igihe bashura iby'impunzi hari bene wabo babanye i Save bari baragizwe ba comptable, kandi ari inkandagirabitabo. Ubwo yarakomeje ari nako amashyi yo yongera, ariko abanyabutare ntibakamenye ko ari ubwenge arimo abahenda aka Bakame. Nuko ati: «mwese murabyibuka ukuntu bankoreye dossier ngafungwa nzira ubusa, ati kandi H.C.R itari yarigeze indega ko nariye iby'impunzi». GATABAZI ndagira ngo nkubwire ko hataka nyirugukorwamo, naho nyiruguteranwa n'akebo ntacyo akoma. Ibyo ndumva bihagije. Tekereza kubona ufata umutungo wagenewe impunzi ukawirira, undi ukawuguramo imodoka ikandikwa ku mugore wawe, kandi atarigeze aba impunzi byibura. Kandi n'ubwo yaba yarabayeyo, ndumva atagororerwa imodoka, kuko ntacyo yaba arusha izindi mpunzi. Nuko imodoka igahabwa akazi mubyo yaguzwemo, ikajya yandikirwa amafaranga buri muni, kandi y'akayabo, nuko ukayikubitira

umufuko. Burya kirya gihe rubanda iguhora mu kanwa yarahazariraga, naho wowe amagorofa arimo azamurwa ubutitsa, uretse ko uri n'inyarwenge utigeze uyiyandikaho! Yandikwaga kuri baramu bawe n'inshuti, warangiza uti «H.C.R. niyo yagombaga kundega». Aha ndagira ngo nibarize GATABAZI uwari waramuhaye akazi niba yari umukozi wa H.C.R. cyangwa wa Leta y'u Rwanda. Niba rero ari Leta y'u Rwanda yari yaragushyize aho ngaho, kandi icyo gihe ndumva wari ukiri na Ministre, ubwo rero Leta y'u Rwanda ni navyo yagombaga kureba imikorere yawe. Urumva ko itari gutegereza igihe H.C.R izakuregera kandi atari yo yaguhaye engagement, Urumva ko wagombaga guhanwa n'uwari waraguhaye akazi. Niba rero ari H.C.R yari yarakwihereye akazi, ubwo warahohotewe, ni ukuzitabaza inkiko nta kundi byagenda.

None uti harimo harakorwa na dosiye ya NZAMURAMBAHO, ngo kugira ngo nawe afungwe. Ngaho ngo ibijya gucika bica amarenga. None se tumuruke akomeze yirire ngo ni uko yashinze ishyamba rya P.S.D? Niba yaranize, nawe agomba gushyikirizwa inkiko, kuko nta kundi byagenda. Ni kuki mutangiye kwikeka amababa mwitanguranwa, ko muhora mukoresha za Mitingi, ni kuki icyo dossier muvutitangariza rubanda, mutinyira iki kuyivuga? cyangwa ni ubwoba by'ibyo mwakozwe bigatuma mwitanguranwa ngo mubone ukuntu mushyira igihu mu maso ya Rubanda ngo nimukurikiranywa ngo dore n'ubundi twari twarabivuze kera, ngo none icyo twatatswe ritashyeye. Nimurukere aho turabizi bihagije.

P.L. yo ibyayo bigeze he? Ngo intego yayo ni ukugirana imishyikirano n'abaduteye ngo ikibonanyirira nabo ikumva icyo batekereza, n'icyo bashakira. Ntanyanze ibyo kugirana imishyikirano n'ababuze ababo n'abasenyewe n'iyi ntambara ubu barimo babuyera barara rwantambi. Ngo ibone ibyo yambukana hakurya icyo nyazi ziba. None ngo izishorera n'icyo mu Bugande ngo ba!!

Cyakora P.L agiye mu Bugande ntawe byatangaza n'ubwo yageraye agashingaye ibirindiro nawe akadutera nta gitangaza cyaba cyirimo dore ko anifitiye n'inzika ko mwene wabo BUNYENZEZI ingabo zacu zamwivuganye. Ubwo rero urumva ko ako kantu kakimurira, kuko burya ngo

inzika irashira ariko inzigo ntishira. Ariko ni hahandi ngo ibuye ryagaragaye ntiriba rikishe isuka. Gusa ndagira ngo mbwire Perezida wa P.L ko iki gihugu gifite umuntu ukuyobora kandi watowe n'abaturage. MUGENZI rero niba utaratoye nizere ko ntawakuriye n'urwara ngo ntiwatoye, ugomba kureka imbaga nyamwinshi yitoye uyiyobora akayivuganira aho idashobora kwigerera. Niyo mpamvu Perezida HABYARIMANA afite ububasha bwose bwo kuvuganira rubanda rwamwitoroye. None se wowe uzishorera no mu Bugande kuvugana n'abadutera, uzagenda witwa nde? uzagenda uhagarariye nde? ko abanyarwanda bese atariko bari mu ishyamba ry'awa P.L. Niba ari n'amabanga y'igihugu wanetse uzayohereze iposita zirakora kandi icyo zibereyeho.

Gusa uzabwire icyo Nyangarwanda ko abanyarwanda twese twazamanyeye, kandi ko ingabo zacu zihorana umurava, kandi ko ari intavogerwa ku rugamba, kandi ko zitakwihanganira abashaka kudasubiza ku buja. Uzagire urugendo ruhira icyo kwa Nyokorome mu Buganda.

P.S.R. yo bite byayo? Cyakora ntabwo yo iratwibwirira ibigwi byayo neza, gusa Fondateri wayo ari we HATEGEKIMANA Georges bita France yagombye kwiyumvisha ko tumuzi bihagije. Azibuka gusoma imvaho N° 599 yo ku wa 8 Nzeri 1985 aho yaburanishwaga icyaha cyo guhungabanya umutekano w'abanyarwanda. icyo gihe yakatiwe igifungo cy'imyaka irindwi n'amezi abiri, akurwamo n'imbabazi z'Umubyeyi, none aje kwutekera mu mashyamba.

Gusa umuntu yagombye kwibaza impamvu atajya gushinga icyo P.S.R mu Bufaransa aho yabyaye umwana akabababwirira ubwenge gihugu cyangwa se i Burundi aho yakuye impapuro z'inzira, dore ko we yanivugiraga ko ngo ari umurundi wibera mu Bufaransa, ko yanyuze mu Rwanda yitemberera, ko ngo ntaho ahuriye n'ako gahugu gakenyeye. Ko yihakanye urwamubyaye, aradushakaho iki? Yaturetse tukikenera, akajya gutegeka aho yavuze avuka icyo mu Burundi cyangwa icyo yose yagiye arorongotana, nko mu Bwongereza no mu Bubiligi, n'ahandi. Natubabarire cyane, atazaduteza amakuba.

P.D.C ya NAYINZIRA, kuko ni ishyaka rya Gikirisitu ryagombye kuvuga amasengesho rikitanga ritizigamye, maze abantu baza guteka imitwe bitwaza ko baje kuzamura rubanda bakagabanuka, maze rigasengera n'abantu bacu baguye ku rugamba, maze n'iyi ntambara ikarangira vuba, maze amahoro akongera agasagamba mu Rwanda rwacu.

M.R.N.D igakomeza gushimangira ubumwe bw'abanyarwanda, maze ibikorwa bya kijyambere bigakomeza bikiyongera, hatabonetse abantu nka bariya baza kubisenya bishakira inyungu zabo bwite batitaye ku nyungu za rubanda. Erega n'ubundi ba NTAMUNOZA babayeho kuva iyi si ikiremwa, bari bakwiriye kuvuga icyo bakunda ariko bakaduha amahoro.

Nguko uko tudashaka gutegekwa n'abantu bafite inenge, aribo bariya BAGORORWA.

NTISENDEREZA Jean de Dieu

AMASENGESHO ARAGWIRA

Mu gihe GATABAZI yari Minisitiri, bagize batya bati: «dore ibyo gutunga impunzi», bati: «nyabuneka rwose uzazifate neza». Nawe ati: «ibyo nabyo».

Nibwo afashe umutungo w'impunzi mu ntoki ze.

Nuko arawumanyura, igisate kinini agihereza umugore we.

Igisigaye agihereza ibyegera bye, ati: Nimwakire munyweho mwese, kuko uyu ari umutungo w'impunzi, kandi ukaba wambuwe impunzi, ati: «Tuwurere tutazibabarira, kuko ari iyewe uzawuhanirwa».

Arangije ubwo abo yarahereje nabo bashimira Imana bati:

Dawe aya mafunguro uyeze mu izina rya GATABAZI.

Nuko barihereza biratinda, hadaciye igihe aba atawe muri yombi, nk'uko yari yarabibasezeranije.

None umuntu yakwibaza uko yahonyoraga impunzi akazicuzza utwazo atari ko azacuzza rubanda ahora yitwaza muri P.S.D.

Umugabo Fawusitini TWAGIRAMUNGU, ariwe bita RUKOKOMA, dore ko ariryo jambo rimuhora

mu kanwa. Niyo aryamye yumvise inkurunziza ko bamwizeye bakamugira Directeur wa STIR, nuko yirya icyara, ndetse ashaka no kubvinisha intebe akawamunyamerwe. Amaze gutwaza ariruhutsa, arararama areba hejuru, ati: «HABYARIMANA koko ni umugabo».

Ubwo aratangira arasenga, ati: «Dawe uri mu Ijuru, izina ryange ryubahwe guhera ubu». Ati: «ingoma yange yogere hose, cyane cyane aho STIR ikorera aho ari ho hose, icyo nshaka gikorwe kenshi kandi mu mayeri menshi, ifunguro rintunga ndibone nk'aho mvugiyeho aha, nta kundi byagenda». Ati: «ariko ntuzampore ubusambo bwanjye, kuko harimo umutungo wa rubanda». None umuntu yakwibaza ukuntu yahindaguraga amapine, amashya akayimirira akayasimbuza ashaje atari ko azabigenza kuri rubanda; akaruhindaguraga uko yishakiye nk'uhindaguraga amapine y'imodoka.

Natubabarire cyane, kuko hari ukundi byagenda.

Ntakundi byagenda arabeshye ab'ibimaze Mombasa batamuzi.

Jean de Dieu NTISENDEREZA.

MURAMENYE RUKOKOMA NTIZADUKOMOZE IDUKOMA MU NKOKORA

Bakunzi b'u Rwanda nshuti bavandimwe bene gushinga amashyaka ba nyakubahwa Perezida wa Repubulika, ba nyakubahwa ba Minisitiri, ba depite twitoyeye namwe barwanashyaka bayoboze b'amashyaka aho muri hose mwese muri abantu muzi ubwenge. Ubwo muri abantu mushyire mu gaciro. Twunge ubumwe. Twungurane ibitekerezo. Twubake urwatubayeye. Mwambaza muti uje ute mu ruhando rw'amashyaka menshi. Si igitungaza kuba ndegutse mbaza bene gukunda u Rwanda bese n'uko najye ndi umwe mu barukunda. Muti kagire inkuru: Muzi ko igihugu cyacu cyugarijwe n'ingorane zitabarika namwe mutayobewe. Bikaba bisaba buri wese kwitanga uko ashoboye kugira ngo tuzabone uko twagenda tubitsinda buhoro buhoro, ni yo mpamvu nagize iki gitekerezo cyo kubagezaho zimwe mu mpungenge nagize ku byerekeye amashyaka.

Harimo amashyaka yigaragaje usanga arangwa no gusebanya. Ugasanga ubutegetsu buriho barabuhinduye urwenya batitaye ndetse kuri iyi ntambara. Gusebya mukeba rero si wo muti wo kugira ngo umugabo wawe agukunde wenyine, umugabo mwiza n'ubanza gushishoza ibivugwa ku mugore we (umugabo mvuga ni twebwe abatwage). Bene gushinga amashyaka rero nabagira inama yo kwiyegeranya ndetse bakaba bashakira uburyo bwo gutunganya biriya bibazo bahora bashinja ishyaka ryahozeho ku butegetsu nyamara rero muri abo bese bayashinga ndareba ngasanga bese barakoreye ishyaka rimwe ryahozeho (MRND Karahanyuze). Bamara kungurana ibitekerezo bakabona kutumenyeshya uko bazatuzamura bashingiyeye ku byagezweho mbere. Igitungaza rero ni uko hari n'amashyaka yemeza ko kugeza ubu nta kintu cyakozwe kuva ku ingoma ya KAYIBANDA kugeza kuri uyu

munota. Uwo wihandagaza akavuga ibyo, amaso ye areba mu bitekerezo gusa? Cyangwa areba no hanze? Aho ntabona kaburimbo akayitiranya n'amazi atemba umubande? Aho ntabwo urwererezi rw'amabati akayitiranya n'inyanga ziguruka ikirere uwo niba atarabona azagure amadarubindi ya miyopi. Si ibyo gusa azahita abona n'ibindi byinshi. Ese twemere ko uwo wihandagaza atyo azagurira buri mutwaga imodoka. Tubaye tumushimiye. Duteze ko zizatugeraho niba atari amareshya mugeni!!!

a) Kugendera ku mashyaka menshi ni byiza twese turabishyigikiye bifite akamaro kuko n'ibihugu byadutanzwe amajyambere ni wo mujugujugu. Biyemeje kugenderamo ariko ntitwagombye kubigana kuri byose tudashyizemo n'ibyo mu muco wacu. Ntitwagombye kwiyibagiza ubukene dufite. Bamwe rero ngo ntibabona ubwo bukene da!

b) Ubu amashyaka amaze kwemerwa ni 13 n'andi aracyavuka ndetse yatangiye kwiyamamaza. Ibyo agenda atubwira ni byiza ariko ubwiza bwaryo nje ku bwanyje ndareba ngasanga ari amareshya-mugeni kuko ntawe ujya kureshya umugeni amwemerera ko azamuraza hanze, ntamubwira ko azamukubita amwizeza ko mu mirimo yose bazafatanyaga ariko umugeni yamara kugera mu rugo agasanga ni we ugiye kuba umuzamu w'uwamuhereje, ni we ubaye ingaruzwamuheto, ni we ubaye nyirabigunda.

c) Mu kwiyamamaza kw'amashyaka ndareba ngasanga hafi ya yose yemeza inama Rukokoma, ngo ni yo izatunganya ibibazo byose byugariye u Rwanda. Ngo ni yo izazura abapfuye da. Erega RUKOKOMA inganya n'Imana ubushobozi!!!! Ngo ni yo izatugeza kuri demokarasi isesuye, ngo ni yo izinjiza abahawe imbabazi zo gutaha bakanga, n'ibindi ntiriwe ndondora. Maze rero bantu mukunda Repubulika ngibyo ibibazo bintera impungenge kuri ayo mashyaka nkaba nifujye rero kubibaza bamwe mu biyemeje gushinga amashyaka cyangwa se buri wese wumva uko yansubiza bityo ibitekerezo byacu bije bihura bigire icyo byungura ku rwatubyaye. Ntangira rero nagize nti Rukokoma ntizadukomoze ntabaza abategetsu b'ingeri zose. Impamvu ni uko abo bose bibareba. Hari amashyaka yemeza ko M.R.N.D. karahanyuze ari yo yaduteye inkotanyi. icyo mbaza abanyamashyaka ni iki:

1. Ko twese twari mu ishyamba rimwe, ayo yandi atarabaho abo babivugaga bo bakoze iki kugira ngo batwarure muri uwo muriro w'amasasu? Hari ibimenyetso muzatwerekaga ko muvoma yirengagijye icyo gitero? Ubu se ko tugenda dutinda izo nyenzi muzatwemeza ko ari yo mashyaka yarwanyije inyenzi? Cyangwa ni muvoma yazirwanyije.

2. Hari aho amashyaka avugaga itegeko nshinga ryasinywe na Perezida ngo ntiryemewe ngo ntirijanywe n'igihe cy'amashyaka menshi ngo Perezida wa Repubulika hari ingingo ya 21 — 101 ndetse n'ya 45 yishe. Ko tuzi ko iryo tegeko nshinga ryemejwe n'abadepite bageze kuri 60 cyangwa no kurenga hari umudepite wanze imwe muri izo ngingo, baranga

babikora ku gahato akaba ariho mushingira? Ese ko abadepite bakorera rubanda ko icyo gihe amashyaka yari amaze kwemerwa kandi buri wese akaba yari azi iryo azajyamo, ubwo mwaduhamiriza ko abashyizeho iryo tegeko nshinga ari abo muri M.R.N.D. karahanyuze cyangwa ivuguruye. Hari mitingiri yabereye i Gitarama tariki ya 25/8/1991 batubwiye ko harimo abadepite 5 muri M.D.R. ubwo no mu yandi mashyaka ntihabuzemo abandi ubwo hari kwanga ziriya ngingo bakerekana n'ingaruka mbi zayo abandi bakabahatira ngo ni ryo ni ryo? Keretse ahubwo niba abo badepite bacu bakorana ubute akaba ari ba bize ngarame cyangwa murumve nkome!!

Hari aho navuze ko twigana iby'ahandi, Tutitaye ku bukene dufite, Bene gushinga amashyaka murabibona mute? Muri Rukokoma ishyigikiwe na benshi ni byo koko ariko hari aho mwemeza mubeshya, muti ni he? Muri ntigomba amafaranga menshi, Ubwo se muremeza ko umuntu azava i Cyangugu n'amaguru aze muri Rukokoma ubwo ibiryo azikorera mu nkangara azagera i Kigali bitarashize, cyangwa bitaragaze? Ko ari bwo buryo mubonye butagomba amafaranga? Impapuro muzateguriraho inama Rukokoma se muzazikura he? Keretse nimwandika ku mashyamba y'insina ahari. Ko mbona n'i Kigali mubona urukoma ari aha Mana! Ngo akazi ntikazahagarara ni byo tuzajya tubyumva ku maradiyo. Uwo mukozi wa radiyo se ntahembwa? Rukokoma se niterana azakorera ubuntu? Ngo izatwara iminsi mike. Ntawe ubyanze ariko se igihe muzazurira abapfuye mukabahamba bundi bushya, bizatwara igihe kingana iki? Ahubwo mureke kureshya umugeni mumubeshya, Muriyitegereza neza mwemeze n'igihe izamara, n'umutungo izatwara, n'igihe izabera, n'abazayiyobora mureke kudukuma amaso, ngo abanyeshuri bazigira ubutu, ubwo si ugukabya koko? Turabishimiye abarimu se na bo bazigishiriza ubuntu, Ayo mafaranga muzajya murihira abanyeshuri ni ayo mwasahuye mushyamba kugarura mu mayeri ngo tubyite ko ari impuhwe mugiriyeye abana b'u Rwanda?

Hariya navuze amashyamba umugeni, ko mwese tuzi ko kuva

Revolisiyo yo muri 59 harimo abategetse ku ngoma ya Kayibanda no ku ngoma ya Habyarimana bakabona imyanya ikomeye ba Minisitiri n'abandi. 61 — 73 hari amashyamba angaha? Kugeza 73 havugwaga angaha? Yacitse ate? Muntu wabaye Minisitiri ku ngoma ebyiri ntamenye ko akarere ke gakenye ntamenye ko akarere ke nta shuri nta vuriro maze yamara gushinga ishyamba ngo ni ho azashinga amashuri ubwo si ugukabiriza? Twe rubanda rugufi ngo ntubona? Ubwo se ubundi kuba Minisitiri no kuyobora ishyamba bitaniye he ibyo utakoze uzabidukorera ryari koko? Bene gushinga amashyamba mushyire mu gaciro mugereranye. Ubwo se muzaruka ibyo mwariye kugira ngo tubayoboke?

Nimuvugishe ukuri, ndetse musabe abo mwategekeye nabi imbabazi (rubanda) ko mutazongera ko mwikosoye (bitari mu magambo gusa kandi). Mubonye tumaze kubona ibyo mwaduhishe, none mutangiye kwirirwa muterana amagambo mubihirikira kuri bamwe ngo ni bo bazabibazwa na za Rukokoma. Ese Rukokoma izabaza Habyarimana gusa ra? Wowe se wahoze ushinze imibereho yacu uzabazwa iki? Wowe se wari ushinze imicungire y'imari uzabazwa iki? Uzasubiza iki? N'abandi n'abandi.

Hariya amashyamba avugaga inama Rukokoma ni byo ntawe uyanze ariko mubanze mumenye abayishyamba uko bangana n'abo ari bo, n'uko muyisaba, n'igihe kitari icyo uzakenera ibindi bisobanuro by'icyo gihe Rukokoma yabera azansange munyuriremo; ubu nta gihe cyo gutegura inyandiko ndende ibisobanura.

Nimbona mfite igihe nzayibagezaho. Muri make, Rukokoma rubanda nyamwinshi ntivyishyigikiye na gato. Ariko mvugaga mwabanje kubaza abaturage? Igihe cyo kwitumiriza cyarangijye. Rukokoma itadukomoje; mbere y'uko amashyamba atorwa yadukuririra inkotanyi nkuru imbere mu gihugu zinjijye zitwaje amanama ya Rukokoma. Ese aho kubanza Rukokoma muzatumiramo inkotanyi mwabanje mukagirana na zo imishyikirano, ibyo iyo

mishyikirano igezeho mukakidutangeriza na twe tukagira icyo tukivugaho cyaba cyiza cyangwa kibi. Ubwo wumva ari twe mutegekera. Iyo Rukokoma mwayitumwe na nde? Muri Rubanda Nyamwinshi icyo twifuza mbere ya byose mubanze muhoshe iriya ntambara. Mujye mu mishyikirano. Ndetse ni zo Nkotanyi muzisange muganire maze muzabone muhamagaze izo za Rukokoma zanyu da. Ese ye, ko

mperutse gusoma mu binyamakuru nkasanga mwarabuze uzayiyobora, bese barabaye ba miziro ubu mwabonye noneho uzayituyoborera? Hagombye kubanza imishyikirano y'amashyaka ubwo yose arwanira umugabo umwe ari we rubanda nyamwinshi, akajya umugambi w'ibitarujijwe n'ishyaka rimwe ndakeka n'andi ari ukwigaragaza atazatsimba ibikorwa azunganira ibihari n'ibituzuye. Rukokoma rero ntizadukomoze mu duke twari dufite: ariko njye

n'abandi ngenda mvugana n'abo ndasanga inama Rukokoma ni twe rubanda nyamwinshi twazayitumiza ndetse mwe mwashinze amashyaka mukazayizamo ku buryo bw'indorererezi. Ko mbona ibyo mushinja bamwe se mwese bibahama bizagenda bite ni nde utarariye ku mari ya 59 — 73 n'indi 73 — 91.

Tubifurije gutsinda amatora.

*NZABONIMPA Séraphin,
Nyakinama — RUHENGARI.*

INDA IRIMO URWANGO UYIHA AMATA IKARUKA AMARASO

Umusomyi w'Ikinyamakuru «LE TRIBUN DU PEUPLE» «UMUVU-GIZI WA RUBANDA» ngo ubarizwa muri Komini Bicumbi, yumvise ko hari abashize isoni nka we bihaye gusebanya, guharabika no gutuka abandi, ati natanzwe!

Maze agufatira Burugumesitiri SEMANZA Lawrenti, si ukumuhababika ye!! Abasomye iyo nyandiko ya KARIMIKASHYARI uwo, bakaba bazi amarere y'uwo mutegetsisi: UBUTWARI bwe, UKWITANGA kwe, UMURAVA N'UMUTIMANAMA bye akorana akazi ke, bakaba bazi aho yavanye Komini BICUMBI, (mu gihuru cy'icuraburindi) none ikaba iri mu mucyo w'amajyambere, twkubiswe n'inkuba, turumirwa, dusanga koko «NTAWE UNEZA RUBANDA».

Yahindanyije uwo mutegetsisi agamije kumutesha igikundiro, icyizere n'icyubahiro muri rubanda, avuga ko ngo:

1. Umutungo wa Komini yawugize uwe;
2. Yambuye abaturage amasambu yabo akayagabira abategetsisi;
3. Yishe abantu abandi abagira ibimuga;
4. Ategeka nta mashuri ahanitse yize.

Niko se KARIMIKASHYARI we, upfa iki n'abategetsisi bakize? Ku bwawe rero, umutegetsisi wihahase nk'abandi bese, agashaka icyamuteza imbere n'urugo rwe, agahirwa agatunga, aba yaranyereje umutungo w'igihugu cyangwa yarambuye abaturage ibyabo?! Ni koko rwose SEMANZA Komini yayigize urugo rwe, ayikorerana umutima nama, ayishakira ijoro

n'umunsi icyayiteza imbere. Avana abaturage muri bya bihuru uzi ukaba ubyirengangiza yaharaniye ukubaho neza kw'abaturage ba Bicumbi.

- A) Yabanje kurwana intambara yo gutoza abaturage gushishikarira umurimo ngo bivane mu bukene.
- b) Yarwanyije NYAKATSI, abaturage batozwa gutura heza.
- c) Yabatoje kugira isuku yo soko y'ubuzima, bubaka imisarane itunganye, byaba ngombwa akabikorana igitsure ku badashaka kumva akamaro k'ibyo byiza byose.
- d) Ntibirashoboka ko buri Segiteri igira ibya ngombwa byose, ariko rero uturere tw'ingenzi tugize Komini ni ukuvuga aho amasegiteri 2 cyangwa 3 ashobora guhurira, abaturage batavunitse uhasanga:

1. IKIGO NDERABUZIMA
2. ISOKO RIKOMEYE
3. SANTERI Y'UBUCURUZI yubatswe ku buryo bugezweho.
4. BANKI Z'ABATURAGE CYANGWA Z'AMASHYIRAHAMWE.

E) Yaharaniye guteza uburezi imbere: yubaka amashuri ntangarugero kuri buri kigo. (hafi mu masegeteri yose agize Komini uko ari 15)

F) Yakoze uko ashoboye ngo muri Komini haboneke amashuri yisumbuye: aya Leta cyangwa ayigenga.

G) 2/3 by'amasegiteri agize Komini afite amazi meza: amasegiteri asigaye nayo, ari hafi kuyabona.

«Ntazishokera limwe, iteka habanza ibishoboka».

Hari ibindi bikorwa by'amajyambere ntashoboye gushyira muri iyi nyandiko.

Ibyo bavuze kandi byose bifite gihamya:

- Abaturage ba Komini ubwabo
- Abayobozi b'andi makomini basuye BICUMBI
- Abategetsisi b'u Rwanda bo mu nzego zose
- Intumwa z'ibihugu by'amahanga zagendereye Komini BICUMBI.

Abo bese, bazi kandi biboneye amajyambere ya Komini Bicumbi ikesha umuyobozi wayo wayitangiyeye SEMANZA. Nuko rero NTIBANYURWA we, nguko uko SEMANZA Komini yayigize AKARIMA KE:

Akavanamo urwiri, akarwanyamo isuri, agafumbira hakarumbuka. Ntawe uhakanye ko Burugumestri SEMANZA yaba akize, ariko, no guhamya ko akijijwe no kuba yarasahuye Komini, yarambuye abaturage utwabo, nta bugoryi, nta bujiji, nta bugome butari ibyo!!!

Cyo ngaho rero wa mpuguke we, wize ukaminuza, erekana ukuntu yabangikanyije gusahura Komini no kuyigeza kuri ibyo byiza by'amajyambere abantu bese batangarira?

Kubahuka ukavuga ko SEMANZA yanyaze abaturage amasambu yabo akayatunga andi akayagabira abategetsisi, ntabwo ukubise umutwe kw'ijuru, ahubwo urawucuritse, abe ariwo ugendesha mu mwanya w'ibirenge.

GATERANYAMIRYANGO we, ushobora kuvuga umutegetsisi utuye mu isambu yambuwe nyirayo. Ko tuzi

abaturage basize amasambu yabo bakajya mu Mutara, kuki se atabigize urwitwazo ngo ayabambure ayagabe da?

Ngo «SEMANZA yishe abantu benshi abandi abagira ibimuga» Erega wijunditse uwo mutegetsi bigutera kurocangwa «Niba ari inkuru wabariwe, niba ari byo wisokorera mu bwonko. (Niba ari butaraga) ntuzongere, ahubwo ujye uvuga ibyo uzi imvaho n'imvano. Twese Abanyabicumbi tuzi nyakwigendera KANYABITANDA ucira SEMANZA; uko yabayeho mu buzima bwe, n'uko bwarangiye turabizi Gusa «La pudeur» itubujije kubisobanura urundi rugero, ni urw'umugabo GATABAZI wagiye kuri Komini arwaye, aza kugwayo azize urw'ikirago ntawe umuriye urwara. Nuko rero, ku bwawe uwo mutavuga rumwe akaza kugira ibyago, aba ari wowe ubimuteye? Uti ngo» Yakubise abantu abandi arabafungisha» NTAZICIBWA AMAHEMBE ZITAGIRA ICYO ZIZIRA»

Wivugiyeye ukuntu umuturage yatemeje Burugumesitiri mu nama?

Uwo mugizi wa nabi wanyu arapfuba none niko ako gahinda kakubujije amahwemo ku bwawe rero iyo uba Burugumesitiri wa Bicumbi, ugakorerwa ayo marorerwa ayo marorerwa uba waremeye ugapfa butama, nako butagatifu da!! nk'abahowe Imana tujya twumva!!

Siniriwe nkubaza niba wanga SEMANZA cyangwa M.R.N.D. na fondateri wayo, kuko warangije inyandiko yawe wicira urubanza, ugaragaza ko wanga M.R.N.D. na Fondateri wayo? Gusa iyo ubikorana ikinyabupfura, nta n'iterabwabo nka ririya ubishyizemo, ukajya mu yandi mashyaka ngo ahinduke URUKIKO RWIKIRENGA rwo kuburanishirizamo SEMANZA n'abandi bayobozi ba M.R.N.D.!! Ku bwawe mbese wumva umurimo w'imena w'amashyaka ari uwo?

Have kubeshyera abanyabicumbi na M.R.N.D. na Fondateri wayo. Menya ko Perezida wa Repubulika akaba na Perezida Fondateri wa MRND ivuguruye, adafite ibitekerezo nk'ibyawe n'agatsiko kanyu. Bityo rero, ntibiyari ngombwa ko mbere yo gutera

SEMANZA muri Komite y'Igihugu ya MRND ivuguruye, aba yarabanje kubabaza icyo mubitekerezaho. Subiza iterabwoba n'amateranya yawe, ngo ubwo SEMANZA ari mu bagize Komite y'Igihugu ya MRND, izabura amajwi 100%. Byihorere, kuba URUSHA NYINA W'UMWANA IMBABAZI ABA ASHAKA KUMURYA.

Gushyira SEMANZA mu bayobozi ba MRND rero, si ukwirukana abaturage ba Komini Bicumbi muri MRND, niwumva hazaba mitingi ya MRND muri Bicumbi uzaze urebe abayoboze bayo, maze uzabone uko abeshya n'uko abeshyera.... Nuko rero, wagerageje kurangaza rubanda werekanye akakuri ku mutima, ugaragaza ko uri umwanzi KABUHARIWE wa Burugumesitiri SEMANZA. Wataye igihe cyawe, ahasigaye turagusabira ngo Urwo RWANGO, ubwo BUGOME biherekejwe n'ISHYARI bitagutesha umutwe ukageza aho kwiyahura, aka Yuda cyangwa abandi bagambanyi.

*Umutaramakuru w'Ikinyamakuru
ECHO DES MILLE COLLINES I BICUMBI*

DISIKURU YO KU WA 29/12/1991 I MUKINGI



Barwanashyaka ba Muvoma Iharanira Repubulika, Demokarasi n'Amajyambere ya Rubanda.

Mbanje kubaramutsa mbifuriza kugira Amahoro, Ubumwe byo nkingi y'amajyambere twifuriza Igihugu cyacu n'Abanyarwanda bose.

.... (Animation)

- Muvoma yacu Ramba! (3)
- Perezida HABYARIMANA Ramba
- Barwanashyaka ba Muvoma yacu
- Turambe ...

Barwanashyaka ba Muvoma yacu, mu rwego rwo kwamamaza amatwara y'Ishyaka ryacu Muvoma Iharanira Repubulika, Demokarasi n'Amajyambere ya Rubanda, twifuje ko uyu munsu waharirwa Komini Mukingi kugira ngo turusheho gusobanukirwa n'imiterere n'imigambi y'ingenzi y'Ishyaka ryacu muri aka karere.

Sibwo bwa mbere dukorera Mitingi y'Ishyaka ryacu hano muri Komini Mukingi. Kandi tuzagaruka kenshi kugira ngo turusheho kubacengezamo amatwara meza y'Ishyaka ryacu.

Byaragaragaye rwose ko ayandi mashyaka yakoresheje Mitingi hano, imvugo zayo mashyaka zanzwe no gusebanyana no guharabikana. Izo mvugo zanzwe no kubeshyera abategetsi. Ayo mashyaka yifatirye inzira y'ubushizibwisoni n'ubutiriganya busisibiranya mu magambo yuzuye agasuzuguro, basuzugura abanyarwanda nkaho nta bwenge bazi cyangwa se batazi kwirebera.

Ishyaka ryacu rero MRND ryahisemo kubima amatwi, kuko iyo

migambi bitwaje ntaho izabageza na gato.

Umunyarwanda wese ushyira mu kuri:

- yanga icyakurura umwiryanu mu be no mubo baturanye;
- yanga ubutiriganya n'ibinyoma;
- yanga kwigira nyirandabizi;
- yirinda kuroha mugenzi we muri za munyangire no kumushora mu matiku y'urudaca no kwihorera;
- yirinda kurangaza abandi no kwizeza ibitangaza bikubiyemo ibinyoma nk'amashyaka abizeza ngo azababonera amasambu, ngo azababonera akazi. Abenshi muri bo si abacuruzi. Ntibafite Inganda n'Amasosiyete. Bamwe ntibategeka Ibigo bikomeye n'amaporoje, abandi si ibikomerezwa muri Leta. Ako kazi babizera bakabahaye ubu tukareba icyo bashoboye koko niba amagambo yabo atari amashyamba?

Abenshi Muvoma yarabakamiye, ngaho niba batababeshya bazabanze babavunguriraho.

Icyakora bamwe bo muri MDR iyo biherereye baravuga bati icyaduha Rukokoma ikaza maze tukirira inyama, bati icyaduha Rukokoma maze isambu ya kanaka tukayigabana.

Ngibyo rero ibyo dutenze muri ayo mashyaka yandi arwanya MRND kuko adashaka amahoro.

Umugabo yavuye muri Mitingi ya MDR ageze iwe aya ihene zose namuragije ngo MDR yatsinze. Ahubwo nagirango mbwire abanyagiseke ko ubutaha MDR nihagarua inka zabo zizaribwa.

Abo bantu si bagashoza ntambara!!! Ariko wagirango ibiba i Gitarama nta handi biba. Ndashaka kuvuga MDR. Iryo shyaka ryaraje rishinga amabendera yaryo aho rishatse ntawabakomye imbere.

MRND ishatswe gushinga amabendera yayo, Abayoboke ba MDR ubwo ndatekereza ko ari abayobozi babo baboshya, baratangira barayarandura, amwe barayaca. Ndetse hariya mu Rutobwe bajugunye ibendera ryacu mu musarane.

Ako ni agasuzuguro karenze kamere. Ako gasuzuguro Abayoboke ba MRND ntidushobora gukomeza kukihanganira.

Nyamara abakuru b'iryo shyaka babagera imbere ngo barashaka Demokarasi. Barayishaka bate aribo bariho bayizingitirana. Barayisha bate aribo babuza abanyarwanda ukwishyira ukizana mu Ishyaka umuntu yihitiyemo. Barayishaka bate aribo birirwa batera amabuye Konseye kanaka ngo ni uko yayobotse MRND. Barayishaka bate birirwa baharabika Umutegetsi kanaka ngo ni uko yayobotse MRND. Nyamara nabo bafite Abategetsi bakomeye muri Leta. Bafite abategetsi bayobora Ibigo bya Leta ndetse n'Amabanki ya Leta. Hano muri Mukingi hari n'abakonseye bayobotse MDR. Nyamara nta muyoboke wa MRND wigeze ubatera ibuye cyangwa ngo abatuke.

Ndagirango rwose namaganire ku mugaragaro ibikorwa MDR itoza abayoboke bayo bigamije gusenya Demokarasi muri iki Gihugu cyacu. Ibikorwa bigamije gutoteza abanyarwanda batayobotse iryo shyaka.

Dusabye kandi dukomeje Ubutegetsi ko bwabagarukira abo bagizi ba nabi barangwa n'ibikorwa



by'urugomo. Biha gutoteza no gutuka Abategetsi, barangwa n'ibikorwa bigamije gukurura imvururu mu Rwanda. Rero twumvise ko ngo Inkotanyi ziza zirimba MDR na PL.

Barwanashyaka ba Muvoma yacu, ntitwifuzako inkongi yahera i Gitarama, ntitwifuzako hari n'abandi mu Rwanda yahera. Ntitwifuzako induru n'itambara hagati y'abanyarwanda.

Barwanashyaka ba M.R.N.D.

Muvoma yacu iharanira AMAHORO, iharanira UBUMWE kuko ari byo byatuma dutera imbere. Ibyo twagezeho byose, ibyo mubona hano i Mukingi, tubikesha amahoro tumaranye imyaka 18.

Iyo tuvuye UBUMWE twumva ko tugomba guhuriza hamwe ibitekerezo n'imbaraga zacu kugira ngo turebere hamwe icyagirira akamaro Igihugu cyacu. Turwanire Ubumwe mu Banyarwanda bari mu mashyaka yose kuko Demokarasi ntirwanya Ubumwe, ntirwanya Amahoro.

Nkuko mubizi, Igihugu cyacu kiyemeje kugendera kuri Politiki y'Amashyaka menshi.

Ntihakagire rero uwijijisha ngo yibwire ko kuba mu Ishyaka iri n'iri byaba bimuha uburenganzira busumba ubw'abandi cyangwa se uburenganzira bwo kuba indakoreka ngo yirirwe atera hejuru bagenzi be. Uri muri MDR

nasabane n'uri muri MRND, n'uri ahandi kuko utakwijijisha cyangwa ngo yigire nyoni nyinshi, umuyoboke w'Ishyaka ryiza aba ashaka icyazamura Igihugu mu Ishyaka umuntu arimo niyo ntego Umurwanashyaka wese yari akwiye gushyira imbere, MRND rero kuva yabaho yashyize imbere intego y'Ubumwe n'ubwo abanzi babwo baje kuduteza intambara y'amasasu n'iy'amagambo tuzatsindisha ubumwe.

None ubu uwo mwanzi arashaka kwitwaza Amashyaka ngo abanyarwanda dusubiranemo. Kuba tutarigarurirwe n'umwanzi Ubumwe bw'abanyarwanda bufite uruhare runini. Ibyo kandi ni ibyo gushimira umunyarwanda wese wagize uruhare mu kubumbatira ubwo BUMWE.

Barwanashyaka ba M.R.N.D., Abanyagitarama benshi tugomba gushyigikira MRND ntitugomba gushyigikira Ishyaka ryiyitirira Gitarama (ngo nimuze mu Ishyaka ryacu, abayoboke ba MDR niko bavuye). Nta gushyigikira Ishyaka rizadusiga mu bwigunge nk'ubw'impfubyi. Tumenyeye ko GITARAMA ari Perefegitura imwe kuri 11 kandi ko andi maperefegitura yose asigaye ashigikiye MRND. Abashidikanya bazigire i Cyangugu, Kibungo, Byumba, Kigali, Gikongoro n'ayandi. Gisenyi na Ruhengeri zo zirarusha usibye nka ba MUREGO n'abandi baza gushinyagurira abanyagitarama ngo KAYIBANDA ntiyapfuye ngo babarebe.